

1

K0168538

IDENTIFICATION : **RTL/51 0036 21.06.94**

DURÉE : **90 minutes**

QUALITÉ : **N'est pas bonne**

TRANSMISSION : **Radio Rwanda**

NOM DU FICHIER : **RTL 0036**

DATE DE TRANSCRIPTION : **Le 25.02.2000**

NOM DU TRANSCRIPTEUR : **MUSHONGANONO Béatrice**

DICTAPHONE : **BO-760/49 MODELE: 2750-6 SERIE: 516565**

RESUME DE LA CASSETTE RTLM/51 N° 0036 21.06.94**FACE A**

- HABIMANA Kantano:** - Invite la jeunesse rwandaise à se consacrer à une vie militaire au dépend de leur pays. Il annonce aussi le message provenant de la gendarmerie Kacyiru.
- BEMELIKI Valérie:** - Salue l'armée rwandaise et annonce une variété d'information.
- NKURUNZIZA Ananie:** - S'adresse aux amis de la RTLM qui combattent les Inkotanyi. Elle explique comment pourquoi les Inkotanyi tirent le feu d'artifice et remercie le Colonel RENZAHO Tharcice, Préfet de la Préfecture de Kigali-Ville qui a pu les combattre.
- NKURUNZIZA Ananie:** - Il dit que la RTLM appuie les Interahamwes qui sont unis comme l'a toujours dit Général BIZIMUNGU et annonce le voyage de Monsieur TWAGIRAMUNGU qui se croit Premier Ministre de Transition; sa rencontre avec Monsieur Boutros Boutros GHALI. Il parle aussi de l'opposition des Inkotanyi contre l'intervention française. Il parle aussi de la mort du Président de la République Rwandaise...

FACE B

- NKURUNZIZA Ananie:** - Parle du problèmes des déplacés de guerre qui se réfugient au S' Paul et se demande si les Inyenzi ne les ont pas tué. Il dit aussi que la RTLM aide et donne la morale aux gens qui combattent avec les Inkotanyi.
- KAMBANDA Jean:** - Confirme que le gouvernement n'avait pas prit fuite, qu'il paparaît son retour à Kigali.
- GAHIGI Gaspard:** - Interview de GAHIGI Gaspard et KAMBANDA Jean sur le problème opposant les deux parties.
- BEMELIKI Valérie:** - Interview de BEMELIKI Valérie et Madame NYIRAMASUHUKO Pauline, Ministre de la Famille et de la Promotion Féminine, sur le comportement de la femme rwandaise pendant cette période la guerre.
- RUGGIU Georges:** - Il parle de l'intervention française et le soutien de Monsieur Boutros Boutros GHALI et Jacques CHIRAC sur ce projet français.
- Problèmes opposant l'UPRONA et les autres Burundais.

FACE A*ORATEUR: HABIMANA Kantano, journaliste de la RTLM:*

00min01sec

... twarana hein? Mwese muri abasore mugomba kuba abasoda cyane cyane iyo igihugu cyatewe nk'uku, sinumva ko hari abarusha aba... ubutwari ubundi, hum, bandi ariko rero... hanyuma noneho hinga nkomeze, icyo tugusabye rero Kantano ni ugukomeza kujya uduha *morale* buri gihe ukavuga ibintu uko biri nta gufifika ukirinda kandi no gusebanya, korera igihugu cyawe uko bikwiye wica rubanda intege niba muri *gendarmarie* harimo ibigwari turakeka ko nta ho bitaba mu nzego zose bibamo, gusa mujye mubiyiyama nta kubogama. Dutegereje kandi ko uzadusura hano ku Kacyiru mu minsi itarambiranye nawe ukirebera uburyo duhagaze bwuma. Amahoro abane na we turi Abajandarume bo ku Kacyiru. Salut! (Arasetse) Rwose nta kintu nongera kuri ibi bintu Mana y'i Rwanda ntabwo nshaka kubaca intege cyangwa se yaa... guca ingabo mo kabiri cyangwa se kugaya bamwe eh no kushima abandi icyo bata... icyo twese twifuza, icyo twese twifuza ni uko nu... uwari ikigwari n'utinya gupfa nk'uko Jenerali BIZIMUNGU yabivuze, n'utinya gupfa ntazamara imyaka ijana. Nimuze dupfire igihugu, wanga guha amaraso igihugu, wanga kuyamera igihugu imbwa zikayanywera ubusa, ndumva ari icyo navuga. Namwe ibigwari mwikubite agashyi, natwe burya tuba tugira ngo tubacyahe ab'ibigwari tubakubite aga... tubakubite nari ngiye kuvuga akanyafu, kandi abajandarume mukunda kwikorera kujyana ndembo, nagira ngo mbakubite ka ndembo ku... ma...tako hanyuma... hein! Musonge mbere kabisa musonge mbere. Ariko rero biratangaje kubona umuntu w'umusirikare yirukanka mbere... y'umuturage ubundi akamubwira ngo hunga ngo hunga hein! Abakirukankana hamwe birya turabiseka cyane, umuntu aribaza ati ese iyo mbunda yayitanze ukajya gukora indi mirimo niba ari n'ubushomeri wahungaga ujya mu kijandarume cyangwa mu gisirikare, hein? Uhahungira gisho... gishomaje kuki? Si nka ba ofisiye ubona ukabareba ukibaza ariko, uyu nguyu ubundi iyo ajya kuba muganga cyangwa akajya kuba ka... cyangwa akajya kuba injeniyeri muri... wa mine, yihishaga muri ESM kuki? (Arasetse) ibyo ntibibaho!

Hanyuma, hano hari umuntu wambwiye ni umugabo nyine ukunda gutanga ibitekerezo cyane, hinga nsome ibaruwa ni... ni ndende ariko mu minsi mike nzayisoma. We aravuga ati "ku kinyamakuru

Kangura nigitungire gikore anketi ku bantu b'abagabo nyabo bagize icyo bakora muri iyi ntambara hanyuma noneho bazabone ibihembo kabisa! Ubwo rero koko ni byo. Aha! Nyamara abantu barareba. Nta muntu nk'uko BUSUNYU, BUSUNYU w'i Cyangugu yabivuze, uzongera kuza avuga pa, ngo ni Diregiteri Jenerali ngo none ngo ngomba kuba ibi, ngo kuko mvuka ngo nkomoka aha, ngo ndi mwene runaka wa runaka, ibyo tuzabisubiramo, tuzabisubiramo. Igihugu se ko cyari kigiye wari kuba Diregiteri Jenerali...? Ngo hari n'abatazi minisiteri zabo ukuntu zabomaguritse, uko byagenze, ntibazi abakozi aho bari ariko ngo ni Deregiteri Jenerali! Wa he? Mu bihe biro? Aa... pu! Abo rero... b'ibigwari tukaragaya ba basivile wa mugani w'aba bajandarume, nta ho ibigwari bitaba, ariko ibigwari se... ese iki gihugu icyo kigira ibigwari gusa? Huu...? Ntihagire abarezisita, inziraguhunga tuba turi he? Kigali iba iri he? Hanyuma se iyo abasirikare bose baba ibigwari hein? Babunda ku byo bahishe cyangwa basahuye u Rwanda ruba ruri he? Bene MUSEVENI ko baba barugezemo na bene Gatutsi barutegeka badukandagira. Ubwo rero igihugu cyabyaye ibigwari gusa ntikikabeho, hanyuma u Rwanda kandi ndakeka ko rufite intwari nyinshi! Hanyuma... hinga nko... **03min06sec**

ORATEUR: BEMELIKI Valérie:

... RTLTM ubu dufite saa mbiri n'iminota makumyabiri n'itanu muri *blindé* ya r... RTLTM. Ndabasuhuza rero mwe mwese, mwebwe ngabo z'u Rwanda, ngabo z'igihugu ahantu muri, ahantu muri ku rugamba ahantu muri mu mapozisiyo yanyu mwese rero ndabasuhuza, ngasuhuza abajenerali bose aho bari nkaba nzi ubutwari bwabo nkaba nzi kandi ko bahagaze neza, ko babitoza n'abandi basirikare nkaba nsuhuza n'abakoloneli, aba liyetona koloneli, abamajoro, ba Kapiteni, ba liyetona, ba su liyetona, ee... na mwe b'ajida shefu, ba ajida ntabwo dushobora kubibagirwa ba serija majoro ba premiers sergentss ba sergents ba kaporali na mwe ba premiers soldats na ba soldats mwese, mwese mukomere turi kumwe, ndagira ngo mbasuhuze nyine muri iki gitondo mbifuriza na none gukomeza umurava gukomeza ubutwari musanganywe.

Nkaba... nta... nsuhuza kandi na... n'urubyiruko rwose, urubyiruko rwose ruri aho ruri ku mabariyeri aho ruri inyuma y'ingabo z'igihugu rukaba na rwo rwarahagurukiye kugira ngo rwivune umwanzi Inyenzi-Inkotanyi, rumubuze amajyo, rumubuze kwigarurira igihugu cyacu none bikaba koko biriho

bigaragara nkaba nasuhuza kandi abaturage bose, Abanyarwanda bose aho bava bakagera, Abanyarwanda bose biyemeje guhagurukira icyarimwe kugira ngo bahashye umwanzi Inyenzi-Inkotanyi bose koko ukaba ubona ko bafatanye mu nda umwanzi akaba yarabuze aho amenera aho ageze akaba adashobora kugera imbere cyangwa se ngo asubire inyuma, urumutegereje rukaba ari rumwe gusa. Ubu rero nta rundi rumutegereje nyine, ni uko nyine aho ari adashobora kuzasubira inyuma cyangwa ngo asubire aa... ye... mbese yigire imbere ahubwo agomba kuzagwa aho ngaho nta kindi rero mbese umuntu yabona uwo... iyo nyangabirama umuntu yamwifuriza. **05min04sec**

Icyo rero nababwira ni uko nk'uko musanzwe mubizi, ubu muri aka kanya murabyumva kuri *micro* muri kumwe na BEMELIKI Valeriya, naho ku buhanga bw'ibyuma turi kumwe na NTEZIMANA Yohani. Nk'uko musanzwe muzi rero turabagezaho amakuru anyuranye, amakuru cyane cyane urebye yerekeranye n'urugamba, uko urugamba rwaramutse uko rwaraye tukagerageza kugira ngo tuya... bagezeho ayo makuru, tukabagezaho n'andi makuru aba yagiye aba, avugwa, haza ayo mu yandi maradiyo n'andi makuru tuba twagiye rero tubatarira ee... tukayabagezaho. Ubwo rero muriyumvira ko mu by'ukuri amakuru tuba tubagezaho aba ari menshi kandi abanogera mu buryo bwose, dukora uko dushoboye kugira ngo amakuru abashimishe, ubu kandi nkaba mbamenyesha ko turi kumwe nyine kuva... kuri iyi saha kugeza i saa sita.

Ikindi ni uko mu... nk'uko musanzwe mubizi, muzi ko muri ibyo biganiriro byacu hagenda na none hanyuramo amatangazo, hagenda hanyuramo ubutumwa, ubutumwa abakunzi ba Radiyo RTLM baba bahisemo kugira ngo babe ari ho babunyuzaga ugasanga rero ugira ngo ye gutenguhwa nyine atuma Radiyo RTLM nk'uko ee... nk'uko *Rédacteur en chef* akunze kubibabwira. Ni byo rero koko ntabwo tujya tubatenguha ubutumwa bwanyu tugomba kububagezaho uko uu... uko mwabuduhaye kandi tukabwihutisha kandi bwose bugahita.

Ubwo rero nababwira nanone ko wenda muri iki gitondo ee... hari n'abashyitsi tuza kugira kugira ngo tuzze kubonana nibiba ngombwa nitubwo... bona twabonye turaza kubagezaho ibyo twavuganye cyangwa se na bo babibwirire, ariko turumva ko muri iki gitondo turi buze gukora uko dushoboye

kugira ngo abo bashyitsi ni abashyitsi b'imena, ee... tuze kubonana. Na none ni uko nyine kuri ayo makuru aba yavuzwe hirya no hino, tuba turi kumwe na none na mugenzi wacu NKURUNZIZA Ananiya na we ugerageza kubasesengurira amakuru yagiye avugwa ku maradiyo yo hanze.

Ndaba mbifuriza rero... nkaba mbifuriza rero kugira umunsi mwiza, gutangira neza uyu munsi tukaribuze kongera guhura nyine mu kanya gatoya, nkaba rero mbifuriza gukomeza kugira umunsi mwiza no kunogerwa n'ibiganiro bya Radiyo yanyu. (musique). 07min07sec

Mu kanya ndiho mbabwira ko turi bubagezeho ibyerekeranye n'urugamba, amakuru se aba yavuzwe ku maradiyo n'ayo mu gihugu cyacu. Nababwiraga rero ko mu kanya ndibuze kuba ndi kumwe na mugenzi wacu NKURUNZIZA Ananiya ubasesengurira nyine ku buryo burambuye ayo makuru, ku buryo rero na none nababwiraga ko hari abandi bashyitsi tujya kureba kugira ngo mu kanya tuze kubagezaho ibitekerezo byabo tukaza no kubibabwira tugarutse nyine, muri aka kanya rero nkagira ngo mbasigire Ananiya NKURUNZIZA abe abagezaho nyine ibyerekeranye n'ayo makuru ndetse n'uko byifashe ku rugamba noneho nkaza kuza nyuma tureba ukuntu nyine ubwo abo bashyitsi ibyo baba badutangarije namwe tubibagezeho. Ubwo rero naba mbasigiye Ananiya nkaba muhaye *micro* kugira ngo abasuhuze abagezeho n'ayo makuru.

ORATEUR: NKURUNZIZA Ananie:

Murakoze Valeriya, mwaramutseho ncuti za RTLM? Mwaramutseho banyakigali mwese? Mwaramutseho Banyarwanda mwese aho muri mwese kandi... muri ku rugamba muhanganye n'umwanzi?.

Uyu munsi rero turi itariki ya makumyabiri n'imwe z'ukwezi kwa gatandatu, umwaka wa mirongo urwenda... na kane, muri *studios* za *blindé* yacu saa tatu ishigaje iminota hafi nka cumi n'itandatu.

Mu turere tumwe na tumwe rero twa Kigali ngira ngo babibabwiye haraye umutuzo uretse abantu dukubitanye bamwe cyane cyane ariko barimo abagore n'abana, basa n'abikanze baturuka epfo iriya SGM i Gikondo. icyo twavugaga gutaha i Gikondo ko tutaramenya ibyaho uko bimeze neza n'uko

abantu bakwishyira mu mutuzo, ingabo zihari, amabatayo ahari ya mirongo ingahe na mirongo ingahe akarwana, akarwana afaye urugero ku ya mirongo itandatu n'imwe yarwaniye hariya mu Kinamba ejobundi aha ngaha, hanyuma Inyenzi zigakorwa n'isoni.

Ejo twaganiriye na Bwana Perefefegitire y'Umujyi wa Kigali Colonel RENZAHO abantu bose bashima ubutwari cyane cyane muri ibi bihe bibi duhanganye n'umwanzi, ukuntu yarwanye ku baturage b'uyu mujyi wa Kigali, twavuganye kuri buriya biriro Inyenzi zirasa mu kirere maze... zikabonesha ikirere cyose ndetse n'abari hasi bakabona, babyita... "*feu d'artifice*", umwanzi rero ubu akaba abitera ku mpamvu ebyiri nibura zakumvikana: 10min02sec

- Impamvu ya mbere, ishobora kuba ari ukubonesha... ngo amenye aho n'uko ingabo z'u Rwanda zihagaze, maze abone kuhagaba ibitero.

- Ashobora se kubitera ahantu ajijisha agira ngo abantu aho abiteye baze kugira ngo niho ari buterere hanyuma agaca imbereramucyamo agatera ahandi; ibyo babyita... muri *stratégies* za gisirikare cyangwa *tactiques* babyita *diversion*.

- Indi mpamvu ya gatatu rero ubundi itagombye... kumvikana na busa, ni impamvu yo kurangaza abaturage nk'uko Nyakubahwa Perefefegitire yabitubwiye, ni amayeri mashya rero y'umwanzi yo gutera ubwoba abaturage ngo babone ibintu byaka mu kirere yo kubarangaza yo kubajijisha, ari byo byabaye mu ijoro ry'ejobundi hariya mu karere ka Nyamirambo, ari na byo byongeye kuba muri iri joro.

Nyamara muri uko kurangaza abaturage no kubatera ubwoba, igiteye impungenge ni uko nyine n'abaturage ubwabo bagize bati "dore ikintu cy'umwanzi," bakakirasaho amasasu y'urufaya ndetse, ariya masasu rero yarashwe nta wamenya umubare wayo ibyo ari byo byose buri sasurira. Ngira ngo isasu aho rigeze magingo aya rigura amafaranga ijana; niba urashwe amasasu ijana rayero uyarasa ubusa utayarasa umwanzi umenye ko utwitse amafaranga ibihumbi icumi. Kandi nk'uko Umugaba w'ingabo yabitubwiye, ntabwo ikibazo ari amafaranga aharaho cyane u Rwanda rufite ahubwo ikibazo ni ukubona ayo masasu kuko abanzi bamwe bagiye badukomanyiriza.

Icyo kintu rero nk'uko byasobanuwe... na Koloneli RENZAHO kiraka, ndavuga kuriya kiriro... batera

kikayenga kigashirira mu kirere. Nta we rero gishobora kugira uwo gitwara. Aho rero mwumvireho ayo ni andi mayeri y'umwanzi dutahuye, hari aho bagenzi banjye bakomeje kubabwira ejo ariko ntibabibabwire cyane cyane babereka ko konona amasasu, ko gukuka umutima icyo gihe uba uguye muri wa mutego w'umwanzi. Muri make rero kukirasa, kurasa icyo kintu ni ugupfusha ubusa amasasu. Mu gihe... urufaya ari rwose mutunze amaso mu kirere, birashoboka ko umwanzi noneho uri ku butaka ashobora kuboneraho akabinjirana. Nguko rero ubwo... ni irindi yeri ry'Inyenzi mumenye ryiyongera kuri kwa kumoka kwazo nk'imbwa, kwiyongera kuri kwa guhebeba, kuri kwa kubika nk'amasake ndetse no kuri kwa kurira nk'injangwe.

12min08sec

Hakomeje kuvugwa na none... abasore bakora amarorerwa anyuranye. Kwica, gukinda, gusahura. Sinzi niba abenshi muri mwe bato gukinda babyumva, gukinda ni ugufata abakobwa ku ngufu. Abasore rero bakomeje kuvugwa bica, bakinda, basahura, ikibabaje rero bakiyita Interahamwe. Icyo tuzi twebwe muri iyi Radiyo yacu RTLM, Radiyo Interahamwe zikunda, Radiyo ishyigikiye Interahamwe, Radiyo ishyigikiye urubyiruko rushamikiye ku mashyaka yose aharanira Repubulika, urwo rubyiruko rukaba rwikubiye mu Mutwe muri rusange nk'uko Jenerali BIZIMUNGU yabivugaga bita "Interahamwe", urwo rubyiruko rukaba ruri ku rugamba. Icyo ni cyo tuzi ko urwo rubyiruko rutagira amakemwa ruri ku rugamba i Nyamirambo, ruri ku rugamba ku Kimisange, ruri ku rugamba ahantu hose, mu Muhima, muri Rugenge, ndetse mu by'ukuri abenshi tukaba duhuye batabaye n'i Gikondo.

Gusa na none abavugwa muri ubwo busahuzi, abagaba ibitero bitazwi, abarya amavandu, abo bose bakiyita Interahamwe ntitwabura kubakeka kuko mu by'ukuri bariho kandi turababona. Ubwo tubabona rero kandi bakaba biyita Interahamwe i... ikibazo na none umuntu yagishyikiriza abakuru b'Interahamwe, ndetse akanabaza ati aho ko amayeri y'umwanzi ari menshi aho ntazinjiriya n'urubyiruko rwacu? Ntazinjirira n'Interahamwe? Birenze gusahura, birenze kurya amavandu, ahubwo urwo rubyiruko rwiye Interahamwe rukora amarorerwa rukazakorera umwanzi ugasanga ziduteye ibyuma mu bitugu? Ibyo bintu rero twakunze kubivuga amayeri y'umwanzi ni menshi, amayeri y'umwanzi aranyuranye ni yo mpamvu rero dukwiye kuba maso na cyane cyane ubutumwa

bwo kuba maso nabushyikiriza abakuru b'urubyiruko ruharanira Repubulika kugira ngo icyo kintu, cyo mu gifaransa twita *entrisme* kitazaboneka na cyane cyane mu Nterahamwe zishamikiye kuri MRND kuko ari zo muri iki gihe abantu Inyenzi ziyamye, mutekereze yuko iyi mirwano itangira amaradiyo y'amahanga yikomye Interahamwe za MRND, akikoma Abajepe kandi uwo Inyenzi zikomye ni we ziba zizi ko ari ingirakamaro. Muramenye rero Nterahamwe mutazinjirirwa n'umwanzi agakora amarorerwa akabitirirwa. Kandi aha nakwibutsa nyine ijamba... rya Jenerali BIZIMUNGU Umugaba mukuru w'ingabo z'u Rwanda igihe yavugaga ati "urwo rubyiruko muri rusange bita Interahamwe rudufasha nirudufashe kandi koko ruradufasha, ariko nirudufashe muri *discipline* ntabwo... tuzemera uwo ni Jenerali BIZIMUNGU uvuga "ko rwakora icyo rwishakiye". Ni uko rero umwanzi nta cyo adakora nta ho atagera, ibyo twise *entrisme* nimurebe rero mutazinjirirwa n'ishyano ari mwe twacungiragaho.

15min07sec

TWAGIRAMUNGU yongeye gutera hejuru ngo "ntashaka ko Abafaransa bakandagira ino" ndetse ahubwo arasaba ko Abanyakanada ari bo babasimbura. Ubu TWAGIRAMUNGU ararangwa i New York, ejo yarangwaga muri Kanada, i New York rero aho ngaho akaba agomba... kubonana na Boutros GHALI, Aha icyo twavugaga ni uko mu ishyamba MDR bakomeje... kudebekera uriya... mucancuro ndetse akaba... mu bihe bitaha ashobora kuzadute... kuzaturebera ibamba. Koko rero twigeze kuvuga... kongre... y'igihugu ya MDR yo... gukemura impaka, impaka zari zatewe n'uko kongre ya Kabusunzu yari yirukanye TWAGIRAMUNGU ariko akanga gutsimbuka, ni bwo rero havugwaga ko hakwiye kuba indi kongre ya kamarampaka ikwiye... kwerekana... kwereka TWAGIRAMUNGU igihandure. Ibyo byarashobokaga kuko koko urebye TWAGIRAMUNGU uretse we wenyine n'Amajyogi make nta yindi mizi yari agifite muri ririya shyamba rya MDR.

Iyo kongre rero ntabwo yigeze iba ngo ikemure impaka, bityo TWAGIRAMUNGU yakomeje kwiyita Umuyobozi w'ishyamba. Na n'ubu, kuva aho agaragariye yuko yabaye Inyenzi ndetse agahunga n'igihugu, ntacyigeze gikorwa iyo kongre ntiratumizwa kugira ngo... kugira ngo ikemure nyine izo mpaka ndetse yirukane TWAGIRAMUNGU kuko ibitekerezo bye binyuranye n'ibya Repubulika. Ng'uwo rero ukomeje kwiyita Ministre wa Guverinoma y'Inzibacyuho Yaguye, ng'uwo ugiye

kuzadukorera ishyano. Ndagira ngo ninginge *technicien* adushyirireho umuzika mu kanya... ngiye kureba ikintu ngaruke mbabwire amakuru uko akomeza. (Silence)

ORATEUR: NKURUNZIZA Ananie, journaliste de la RTLM:

... za Ananiya. Mu kanya... nari mbatse agahushya kugira ngo... nyarukire ahantu, nari maze... kuvuga TWAGIRAMUNGU mvuga nti agiye kuzatubera nitutareba neza agapfunyika ka kabutindi kamwe bajugunya kakagaruka. Aha ngaha rero nari nibutse yuko oo... GAHIGI na Valeriya bagiye kubonana n'abategesi ndetse barimo na Nyakubahwa Ministre w'Intebe, nkagira nti reka nyaruke mbashyikirize n'icyo kibazo cya TWAGIRAMUNGU baze kukibaza mu bindi bibazo babaza; koko TWAGIRAMUNGU rero ni agapfunyika ka kabutindi ni Inyenzi, ubwo yabaye Inyenzi rero ni ukumufatira ibyemezo ariko ibya mbere bikaba mu rwego rw'ishyamba yiyitirira. **18min01sec**

Reka dukomeze rero oo... ku makuru aramutse avugwa muri iki gitondo. Na none... Inkotanyi zirakora iyo bwabaga ngo Abafaransa batagera ino mu Rwanda uu... mugambi bafashe wo kuza kuduhurura kugira ngo nyine ize Inkotanyi zitakomeza kwica rubanda. Aha ndagira ngo mumenye neza yuko umugambi w'Inkotanyi ari ukwica Abahutu benshi kurushaho. Buri muni rero babonye barushaho kwica abantu, ejo twababwiraga... abaturage zabaze hariya muri Segiteri ya Rugenge, ubu inyuma... mu makomine zirakora amarorerwa nabasomeraga itangazo ry'Umwajida wabikaga umuryango we wose zapfukiranye zikica n'impinja, ng'icyo rero zirashaka... kugabanya Abahutu kugira ngo haraho... kubamara ko ntibishoboka kugira ngo aharaho, ... basigare bangana n'izo Nyenzi yuko zingana. Ni uko... ubwo zifataniye n'Ababiligi cyane cyane ibinyamakuru by'Ababiligi, zirarega Ubufaransa. icya mbere ngo kuba ari bwo bwahanuye indege ya Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, Nyakwigendera Yuvenali HABYARIMANA, iyo ndege twibutse ko yaguyemo n'Abafaransa b'abofisiye... batatu, ubwo Inyenzi rero n'Ababiligi bararega Abafaransa kuba barikoze mu nda ubwabo! Ibyo twarabivuze ariko ubu ni byo bigezweho.

Bararega Ubufaransa ngo kuba burwana mu mironko y'inyuma y'ingabo z'u Rwanda. Nyamara umunyamakuru wo muri Radiyo y'Abongeleza yumvikaniye i Kigali muri iki gitondo yabajije Inyenzi

nkuru BIHOZAGARA ngo ihagarariye izindi mu Burayi, impamvu Inyenzi n'ibinyamakuru by'Ababiligi bitigeze na rimwe byibuka kurega Ubufaransa biriya byose batangiye kuburega aho bufatiye icyemezo gikomeye cyo kuza guhurura u Rwanda? BIHOZAGARA yashubije ko ngo bari bafite ibimenyetso simusiga ngo ariko bari bategereje umwanya ukwiye wo kubishyira hanze. Yungamo ngira ngo icyo na cyo ni kimwe mu bimenyetso aharaho yari yarabitse, ko ngo Ubufaransa ubu bwaba busana ikibuga cy'indege cy'i Kamembe. Aha twakwibutsa tutabitinzeho ko... indege ya Nyakwigendera Perezida wa repubulika y'u Rwanda Juvénal HABYARIMANA ikimara guhanurwa, Inyenzi zari zakoze ibyo zifatanyije n'Ababiligi ahubwo... zahindukiye zikarega... Umutwe w'ingabo zishinzwe kurinda Perezida wa Repubulika, *la garde présidentielle*, zikarega Interahamwe ngo abo ni bo bamanuye iyo ndege. Interahamwe za Muvoma yashinzwe na Perezida wa Repubulika

20min06sec

Murumva rero iby'Inyenzi, ni agatera mujinya nta kuri kurimo nta bugabo burimo ahubwo ni amagambo y'amahomvu ni ukujagata bya kinyenzi. Ubwo kandi Inama Ishinzwe Umutekano ya Loni yaraye mu mibonano yiga icyemezo cyo kugoboka u Rwanda, icyemezo cyatanzwe na leta y'Ubufaransa. Ingabo z'amahanga zikaba muri uwo Mutwe zo... zizaba ziyobowe nyine n'Abafaransa. Leta zunze ubumwe z'Amerika zo zatangaje ko zishyigikiye kuriya cyemezo ndetse mu ibarwa ye Umunyamabanga Mukuru wa Loni, Boutros GHALI yandikiye Perezida w'Inama Nkuru y'umutekano ya Loni, imu... ishyigikira... icyo cyemezo cy'Abafaransa yasabye yuko ndetse izo ngabo zazamara mu Rwanda amezi atatu. Murumva rero ko mu by'ukuri icyemezo... gisa n'aho gishyigikiwe ee... navuga icyo cyemezo ko gishyigikiwe nyagushyigikirwa iyo Abanyamerika bagishyigikiye, Umunyamabanga Mukuru wa Loni akaba agishyigikiye kiba ari... gihigwa... gihiga kuzafatwaho ukuri. Gusa na none kubera iyo mijagato... y'Inyenzi n'ibitso byazo bigomba kuba bikorera mu gihugu cya Kanada ubu ngubu Kanada yegeranye na New York aho... Loni yicaye, byatangiye kuvuga ko ngo hajemo utubazo abantu ndetse ngo bavuga... ko ibyiza ari uko haza Abanyafurika gusa ngo Abafaransa ntibazemo, TWAGIRAMUNGU we akavuga ndetse yuko ngo... mu mwanya w'Abafaransa hakwiye kuba haza Abanyakanada abo bose rero ni abateganya... ni abafite umugambi wo kuburizamo icyo cyemezo, cyokora reka turindire ko bavuga yuko muri iki gitondo na none imibonano yari igikomeza.

Ni muri urwo rwego twumvise na none ko igihe... Desmond TUTU, uriya Musenyeri Desmond TUTU yanyuraga i Buruseli mu kiguri cy'Inyenzi ngo... na we yaba yaratangaje ko abona ko bitaba byiza ko Ubufaransa butabara u Rwanda, ati... "babirekera Abanyafurika ubwabo". Igihe... Maritin UKOBIZABA uhagarariye inyungu z'u Rwanda i Paris aho NDAGIJIMANA abereye Inyenzi, abanyamakuru ba RF bamubazaga bati "se wowe urabibona ute ibyo Desmond TUTU yavuze"? We yagize ati... uriya Maritin UKOBIZABA yagize ati "jye ndabona Abanyafurika badafite ubushobozi cyane cyane mu buryo ryi... mu buryo bw'ibikoresho bwo kuba ba... hurura u Rwanda", ati "ndabona Abafaransa ari bo bakwiye kuruhurura". Na none batubwiye ko hari intumwa... ya gisirikare y'Abafaransa yageze i New York kugira ngo... ivuganire hamwe na... abagize umuryango w'abibumbye ukuntu bazakora... gahunda, gahunda mpuzabikorwa hagati ya... bariya basirikare b'ingoboka bazaza bayobowe n'Abafaransa na MINUAR ya kabiri izaza ije kubasimbura nyuma y'igihe cy'agateganyo.

23min01sec

Ubwo kandi ibyo na byo ni agahomamunwa, ni ko Abatutsi b'i Burundi bakomeje ngo gutegura imyigaragambyo yo kwamagana Abafaransa kugira ngo badakandagira mu Rwanda. Twavuze incuro nyinshi ko bese ari bamwe. Bese ni bamwe koko, kuko igihe bicaga NDADAYE igihe BIKOMAGU yicaga NDADAYE, KAGAME yari yamanutse ari Bujumbura. Igihe... indege ya Nyakubahwa Perezida HABYARIMANA yagwaga irimo na NTARYAMIRA w'u Burundi, Inyenzi, Ababiligi, BIKOMAGU, bese birashoboka ko bari kuri uwo mugambi.

Ikindi cyavugwaga mu makuru ejo ni iherekanywa ry'abadeplase ryakomeje. Kagiye rero... Abatutsi n'incuti zabo bagiye berekeza... i Kabuga, bagiye ari magana atatu hagaruka Abahutu na bo magana atatu baje mu karere kacu. Na none igikumije... gutera kwibaza ni impamvu ituma bamwe muri abo Batutsi... bagera i Kabuga, bagera Nyacyonga cyangwa i Kabuye bakifata ku gahanga bagatuka abo basize inyuma. Nyamara biyibagiza incuro nyinshi... ni yo mpamvu ngira ngo... uwabavumye atigeze avumura, biyibagiza incuro nyinshi ko nta we uvuma iritararenga. Reka ejo bundi rero tuzasakirana... tuzasakiranyire i Kabuga bifashe ku gahanga bagitukana. Ibyo Muhabura rero ibavugisha ni bo bazabyishyura mu gihe... Abagande bakorera muri Muhabura bazaba bamaze kwitahira.

Andi makuru rero muri make, batubwiye... ko muri District ya Kilimanjaro, iyo ni district ngira ngo... iri haruguru y'ishyamba rya SERENGETI ahahana imbibi na Kenya, mu gace gatuwe n'Abamasayi, ahitwa "Shawulitanga" abana b'abakobwa... bari mu nterina bahiriye muri dorotwari mirongo ine muri bo barashya barakongoka. Umunyamakuru na none... wa New York Times yasohotse nyuma yaranditse ati... "nta shitani n'imwe isigaye mu muriro" ati "zose zarimutse zijya mu Rwanda". Mu Gifaransa kuko nabyumvise mu makuru y'igifaransa, ibyo ari byo byose... ubwo byanditse mu cyongereza kuko icyo kinyamakuru "New York Times" cyandika mu cyongereza, mu gifaransa uwabivuze... yavuze ati "*il n'y a plus de diable en enfer ils sont tous au Rwanda*". 25min01sec

Birumvikana ko izo ari Inyenzi bavugaga zimutse zikava i Bugande zikagera mu Rwanda bityo, ibintu bigatangira kudogera na n'ubu. Ahandi... bavuga ni muri... Irani, Tayirani aho abo bita "ba Mujayigine du peuple" barwanya ubutegetsi, ejo bateze igisasu muri mau... Mauselet ya Imam LEZA, ni inzu yitiriwe uriya LEZA, icyo gisasu kigahitana abantu makumyabiri n'umwe kigakomeretsa abandi mirongo irindwi. Amaradiyo rero Halo ni yo nkuru ikomeye, amaradiyo yakunze kuvuga ahururiza abo bantu makumyabiri n'umwe bapfuye ntabwo rero turumva ahururiza birenze urugero abo Inyenzi zitokombereza muri uyu mujyi wa Kigali zikoresheje imusa... igi... ibisasu birushije kiriya ee... cyo muri Mauselet ya Imamu LEZA ubusharire. Aha rero ni kwa kuvangura kw'ibinyamakuru, ni kwa kuvangura kw'Abazungu ahanini muzasanga ari na bo baduteranya.

Inama ya bya bihugu by'i Burayi aho na none ni mu rwego... rwa ziriya ngabo z'Abafaransa zigomba kuza ino aha, inama y'ibihugu by'i Burayi... bihuriye ku kwirengera aho bita "i UEO", na none... irongera gusubukura imishyikirano yayo ku kibazo cyo kohereza ingabo z'Abafaransa, imishyikirano... yari yasubitse ku wa gatanu. Ibyo rero birajyana na ya mibonano ikomeza kubera i New York, twizere dukomeze twizere ko hariaho ejo mu gitondo tuzaba tubabwira ko icyemezo cyafashwe cyo kohereza izo ngabo cyangwa kitafashwe. Uko biri kose twababwiye kuri iyi Radiyo yanyu RTLTM ko ubu habonetse pawa, pawa ya mbere ni iyacu twe turwanira ukuri, turwanira Repubulika, pawa ya kabiri ni iy'Inyenzi zivuga yuko zigize ishyano, pawa ya gatatu ubu ibaye... iy'Abafaransa na bo bavuga bati "tuzajya mu Rwanda byanze bikunze", pawa ya kane ni iya Loni

ubwo... muri izo pawa enye, pawa tugomba gushingiraho ni pawa yacu ari yo pawa ya mbere ni twe tugomba kurwanira igihugu cyacu, Abafaransa baza bataza muramenye "ak'imuhana kaza imvura ihise".

Wa mupira na none... wahuje... a... mashitani ngo atukura *Les Diables rouges* zo mu Bubiligi narawubabwiye ejo ukabahuza na Maroc ndetse Maroc ikaza gutsindwa n'ayo Mashitani igitego kimwe ku busa, waje gusozwa n'imirwano yabereye i Buruseli hagati y'ibyihebe by'abiligi ngo bishyigikiye iriya kipe yabo... y'Amashitani n'Abanyamaroko batuye muri uwo muji wa Buruseli. N iko kuvuga ko imvururu zabaye ku cyumweru, ubwo... ni hagati y'abafana, bagakubitana amahiri ababe... reba Ababiligi bafite impiri cyokora ntibyadutangaza kuko nta cyo Ababiligi batahora kibi.

27min04sec

Uyu mugoroba mu rwego rwa Mundial, ni wa mukino uhuza ee... w'igikombe cy'isi yose, Nijeriya na none irahura na Bulugariya ku kibuga cy'Idalasi, Idalasi muri Leta ya Texas mu zindi zigize Leta Zunze Ubumwe z'Amerika. icyo batubwira ni uko ikipe ya Nijeriya ihagaze neza kuko ku bakinnyi makumyabiri na babiri barobanuwe cumi na barindwi bakina mu makipe y'i Burayi bakaba rero babona yuko itagombye kugira ingorane zo kuza kwihagararaho. Kugeza ubu kandi ngo umutekano ni wose ku kibuga by'imipira aho ngaho muri Leta zunze ubumwe z'Amerika, nta kwinjirana akuma n'iyi kaba agaca inzara, nta kwinjirana icupa ry'ikirahure, nta kwinjirana nawe... na ya mitaka y'abafana koko irimo utwuma ahasigaye ngo bikaba bibujijwe kunywa inzoga.

Ubu rero turakomezanya mu gihe bagenzi banjye bagiye gutara andi makuru, turakomezanya muri kumwe na NKURUNZIZA Ananiya, reka mbwire *technicien* Yohana twaramukanye na we kuri... muri *studios za blindé* abashyirireho umuzika.

Uu... nk'uko twabibasobanuriye habonetse muri iki gitondo indi mirambo umunani zari zahishe mu gish...

28min03sec

Le reste de la face A est vide.

FACE B:

(Silence... 15.6)

ORATEUR: NURUNZIZA Ananie, journaliste de la RTLM:

15min09sec

